REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
Office of the Director General
HUYE-RWANDA

Itangazo rishishikariza abahinzi bakorera ibikorwa by'ubuhinzi mu Turere Umushinga SAIP ukoreramo, kwitabira Gahunda ya Nkunganire mu kuhira ku buso buto (SSIT)

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi mu Rwanda (RAB) bunejejwe no kwibutsa ko, binyuze mu mushinga SAIP gishyira mu bikorwa, abahinzi bo mu turere umushinga SAIP ukoreramo aritwo Rwamagana, Kayonza, Gatsibo, Nyanza, Rulindo, Karongi Rutsiro, Nyabihu na Ngoma bafashwa kubona ibikoresho byo kuhira ku buso buto kuri nkunganire ya Leta.

Ni muri urwo rwego RAB ihamagarira abahinzi bashaka ibikoresho byo kuhira kuri nkunganire kwegera abakozi b'Umushinga SAIP mu karere babarizwamo cyangwa se bakegera umukozi ushinzwe ubuhinzi, kuhira mu karere/umurenge babarizwamo kugira ngo bafashwe kuzuza ibisabwa bikenewe ngo bahabwe nkunganire yo kuhira ku buso buto.

Nkuko biri muri gahunda ya Leta isanzwe iriho ya nkunganire ku bikoresho byo kuhira ku buso buto hagati 0.5ha kugeza 10ha; umuhinzi yishyura uruhare rwe rungana na 50% y'ikiguzi cy'ibikoresho byo kuhira, naho Umushinga ukishyura uruhare rusigaye rungana na 50%. Ku bahinzi bafite ubuso burengeje 5ha bifuza imashini zuhira zikoresha ingufu z´imirasire y´izuba bishyura uruhare rungana na 25% naho uruhare rungana na 75% rwishyurwa n´Umushinga.

Inyandiko yandikiwe Umuhuzabikorwa w'Umushinga SAIP igaragaza ubusabe bwa nkunganire, n'ifishi isabirwaho nkunganire ku bikoresho byo kuhira ku buso buto bizajya binyuzwa ku bakozi b'Umushinga SAIP mu turere ukoreramo biherekejwe n'ibyangombwa birimo: kopi y'indangamuntu, kopi y'icyangombwa cy'ubutaka na kopi y'amasezerano kubazaba bakodesha ubutaka cyangwa icyemezo cyo gutizwa ku bakoresha ubutaka bwa Leta.

Ku bindi bisobanuro umuhinzi yakenera, yahamagara umukozi w'umushinga SAIP ushinzwe kuhira kuri telefone zikurikira; Rwamagana: (0788451214); Kayonza & Ngoma: (0788591063); Gatsibo: (0788512496); Nyanza: (0788890383); Karongi & Rutsiro: (0788569967); Rulindo: (0788646504); Nyabihu: (0788524989); Kigali: (0788407891 / 0788433311).

Tubashimiye uruhare rwanyu mu iterambere ry'ubuhinzi.

Bikorewe i Huye ku wa ……

Digitally signed by RAB(Director General)

Patrick KARANGWA (PhD)
Umuyobozi Mukuru wa RAB